REPUBLIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA RULINDO

ITANGAZO RIGENEWE ABAREZI BASHAKA KWIMURWA (MUTATION)

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo bushingiye ku ibaruwa **N° 2242/REB/TDM&CGC/20** yo kuwa **11/6/2020** REB yandikiye uturere itugezaho ingengabihe ku iyimurwa ry'abarimu, bushingiye kandi kuri **Sitati yihariye igeganga abarimu yasohotse mu igazeti ya Leta yo kuwa 16/03/2020** cyane cyane mu ngingo zayo za **54, 55, 56** na **57,** buramenyesha abarezi bo mu mashuri abanza, amashuri yisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro bifuza kwimurwa (mutation), ko bageza ibyangombwa by'ubusabe bwabo mu bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Rulindo kuva kuwa **01/07/2020** kugera kuwa **15/07/2020** mu minsi y'akazi no mu masaha y'akazi.

Ibyangombwa by'ubusabe (dossier) bigomba kuba byujuje ibi bikurikira :

1) Ibaruwa ibisaba yandikiwe umuyobozi w'Akarere kabarizwamo ishuri asanzwe yigishamo.
2) Ikemezo cy'uko yagize amanota y'isuzuma mikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana (70%) mu mwaka w'amashuri atangiyemo ubwo busabe.
3) Ikemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umugenzuzi w'uburezi ku rwego rw'umurenge amaze kugisha inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishamo.
4) Ikemezo gitangwa n'umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere w'aho ishuri yifuza kujya kwigishamo rihereereye kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya.
5) Fotokopi y'indangamuntu
6) Fotokopi ya diplôme asanzwe ahemberwaho.
7) Fotokopi y'ibaruwa imwemeza mu kazi.

Bikorewe i Rulindo kuwa 30/06/2020

for

KAYIRANGA Emmanuel
Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo

GASANGANWA Marie Claire
Vice Mayor in Charge of Social Affairs
RULINDO DISTRICT

Scanned with CamScanner